USAID FROM THE AMERICAN PEOPLE | RWANDA

DUFATANYE

AMAKURU AGEZWEHO MU ITERAMBERE RY' UMURYANGO MPUZAMAHANGA WA LETA ZUNZE UBUMWE Z'AMERIKA MU RWANDA

rwanda.usaid.gov URUGARYI 2007

IBIKUBIYE MURI IYI N°

Umuryango witwa Golden Cup utanga icyemezo cyo gushima ubwiza bwa kawa nziza mu Rwanda, urup 3

Uwafashe ifoto: USAID/SPREAD

Amakuru mu ncamake
Intangiriro ya gahunda yo guhangana n'ibibazo by'ikinyagihumbi (MCC) mu Rwanda ..... URUP 2
Gahunda yo kurwanya icyoreza cya SIDA PEPFAR ..... URUP 2
Inkunga y'ibijyanye n'iterambere ..... URUP 2
USAID/Rwanda yabonye Umuyobozi w'agateganyo ..... URUP 2
Gahunda yo kurwanya malariya (PMI) ..... URUP 2

Inama mpuzamahanga kuri SIDA
Inama mpuzamahanga kuri SIDA yashimye Ubuyobozi bw'u Rwanda mukurwanya icyorezo cya Sida ..... URUP 2

Gutera umuti wica imibu itera malariya mu mazu (IRS)
Gahunda yo gutera umuti wica imibu mu mazu igabanya indwara ya malariya ..... URUP 1

Golden Cup
Umuryango witwa Golden Cup yateje imbere ibiciro by'ikawa nziza y'u Rwanda ..... URUP 3

Gahunda za serivisi z'ibitaro
USAID ihemba serivisi z'ibitaro zifite imihigo ihanitse ..... URUP 3

Inkunga ishingiye ku bikorwa
USAID itera inkunga programu z'ibigo by'ubuzima ibinyujije muri gahunda yo guhemba hakurikijwe imikorere myiza ..... URUP 4

USAID/Rwanda
Umuhanda wa Paul VI, Kigali
Phone: +250 570940
Fax: +250 573950
Website: http://rwanda.usaid.gov

Gahunda yo gutera umuti wica imibu itera malariya mu mazu igabanya indwara ya malariya

Abatera umuti mu muhango wo gutangiza gahunda yo gutera umuti mumazu mu karere ka Gasabo ku itariki ya 10 Ukwakira 2007

Hagati y'ukwezi kwa Kanama n'Ukwakira 2007 gahunda ya Perezida wa Leta zunze ubumwe z'Amerika yo kurwanya mararia (PMI) ifatanije na Minisiteri y'ubuzima batangije bwa mbere gahunda ndende yo gutera umuti wica umubu mu mazu (IRS) hagamijwe kurwanya malariya mu Rwanda. IRS ni uburyo buboneye bwo kurinda abantu malariya. Ni ugutera umuti wica umubu utera malariya kunkuta zo mu nzu imbere no mu mwenge hagamijwe gukumira ikwirakwizwa rya malariya bica imibu iyitera.

PMI ni gahunda impuzamiryango iyobowe na USAID ifatanije n'ikigo cya Amerika gishinzwe kurinda no kugenzura indwara (CDC).

Intego y'iyi gahunda yari iyo gutera uyu muti mu ngo 145,000 mu Karere ka Gasabo, Kicukiro na Nyarugenge mu mujyi wa Kigali. Iki gikorwa kizakomereza mu tundi turere tubiri (2) twazahajwe na malariya muri Mutarama 2008.

Iki gikorwa cyo gutera munti wica umubu utera malariya muzu ni icyo kunganira ubundi buryo bwo kwirinda malariya bukubiye muri gahunda ya MPI. Uretse gutera umuti mu mazu, PMI igura kandi igakwirakwiza inzitiramubu ziteye umuti, ikarinda malariya abagore batwite ikoresheje imiti ivura malariya, igapima kandi ikavura malariya itanga imiti mu miryango no bigo ndera-buzima. Uyu mwaka u Rwanda ruzabona inkunga y'amadorari miliyoni 20 ruzahabwa na PMI.

Atangiza iki gikorwa, uhagarariye Leta zunze ubumwe z'Amerika mu Rwanda Ambassaderi Micheal Arietti, yavuze ko igikorwa cyo gutera umuti mu mazu, ari igice kimwe cya gahunda ndende yo kurwanya Malariya. Guverinoma ya Leta zunze ubumwe z'Amerika yishimiye gufatanya na Leta y'u Rwanda mu kurwanya iyi ndwara ikomeye ariko yakwirindwa. Gukorera hamwe, bitanga uburyo buboneye bwo guteza imbere imibereho y'umunyarwanda usanzwe no kurinda indwara n'imfu nyinshi zitari ngombwa.

Mu gihe iki gikorwa cyarangiraga, hari hamaze guterwa umuti mu mazu 155,000 bikaba birenga umubare wari uteganyijwe mbere! Kubera iyi mpamvu hateganyijwe ko abantu barenga miliyoni n'ibihumbi magana abili bazabona amahirwe yo kurwara Malariya.

Amakuru mu ncamake

Intangiriro ya gahunda yo guhangana n'ibibazo by'ikinyagihumbi (MCC) mu Rwanda

USAID yafatanije na Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi mu gutegura no kwohereza umushinga w'u Rwanda werekeranye na gahunda ya Perezida w'Amerika yo guhangana n'ibibazo by'ikinyagihumbi (MCC). Uwo mushinga ugamije kuzamura ibipimo bya MCC mu Rwanda mu birebana n'imiyoborere myiza; cyane cyane mu bijyanye n'uburenganzira mu bya politiki, ukwishyira ukizana, kutaniganwa ijambo, no gukorera mu muco.

Gahunda yo guhangana n' icyorezo cya SIDA (PEPFAR)

Abagize ikipe ya PEPFAR mu Rwanda batanze gahunda y'ibikorwa byo mu mwaka 2008 nyuma yo kubyumvikanaho na Minisiteri y'Ubuzima, na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya SIDA (CNLS). Ku bufatanye na Leta y'u Rwanda n'abandi batera- nkunga, PEPFAR igamije kurinda ko hagira abantu bashya bandura SIDA kandi ikanatanga inama n'imiti ku babana n'ubwandu cyangwa abarwaye SIDA.

Ikunga yerekeranye n'iterambere

Mu mwaka w'i 2007, USAID izatanga miliyoni ijana na makumyabiri n'eshanu z'amadolari y'Amerika ($125,000,000) mu nkunga y'iterambere, harimo inkunga y'ibiryo ku Rwanda. Mu mwaka w'i 2007, inkunga yose hamwe ya Leta zunze ubumwe z'Amerika mu Rwanda, ni ukuvuga inyuzwa muri USAID n'ibindi bigo bya Leta zunze ubumwe z' Amerika mu Rwanda, igera kuri miliyoni ijana na mirongo itandatu n'indwi z'amadolari ($167,000,000), bihwanye n' inyongera ingana 40% ugereranyije n'iyari yatanzwe mu 2006.

USAID yakiriye umuyobozi w'agateganyo

Mu kwezi kwa Nzeli 2007, Bwana George E. Lewis yagizwe umuyobozi w'agateganyo wa USAID/Rwanda. Uyu George E. Lewis wigeze n'ubundi kuba umuyobozi wa USAID/Rwanda kuva 1996 kugeza1999 niwe uzaba ayobora by'agateganyo iki kigo muri aya mezi ari imbere.

Gahunda yo kurwanya malaria (PMI)

Ifatanije n'Ikigo cy'Igihugu cyo kurwanya malariya (PNLP), PMI imaze iminsi mike irangije gahunda yayo y'ibikorwa byo mu mwaka 2008 mu rwego rwo gukomeza gushyigikira ingamba z'igihugu cy'u Rwanda mu kurwanya Malariya. PMI ni gahunda yuzuye kandi ihamye mu kurwanya malariya no kubungabunga ubuzima.

Inama mpuzamahanga yashimye ubuyobozi bw'u Rwanda mu kurwanya icyorezo cya SIDA



Inama mpuzamahanga y'umwaka 2007 y'abashizwe kurwanya SIDA yateraniye i Kigali kuwa 16 kugeza kuwa 19 Kanama 2007. Iyi nama yahuje impuguke zirenga 1,500 zaturutse impande zose z'isi yashimagije ubwitange bw'ubuyozi bw'u Rwanda muri gahunda yabwo yo kurwanya, kuvura no kwita ku babana n'ubwandu bwa SIDA.

Iyo nama yateguwe kandi inakirwa na Guverinoma y'u Rwanda ifatanije na PEPFAR, na Gahunda y'isi yo kurwanya SIDA, Igituntu na Malariya, n' Ubunyamabanga bw'amashami y'umuryango w'abibumbye mu kurwanya SIDA, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana, Banki y'isi yose, n'ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku buzima.Insanganyamatsi ko y'iyo nama yari "Kwagura binyuze mu bufatanye". Abari mu nama basuzumiye hamwe ibirebana n'imikorere myiza n'amasomo yizwe mu guteganya no guhuza gahunda z'igihugu kuri SIDA

Muri iyo nama, Ambasaderi Mark Dybul, Umuhuzabikorwa mu bijyanye na SIDA muri Leta zunze ubumwe z'Amerika yagize ati "Imikorere myiza iragenda irushako gushyirwa mu bikorwa, kandi iyi nama ni uburyo bwo kuyisakaza henshi uko bishoboka. Abo bireba bose bagomba gukorera hamwe bashyira mu bikorwa gahunda nziza zihamye zitanga umusaruro kandi bakihatira no guhuza ibikorwa mu gushyigikira ingamba z'igihugu barimo".

Dr. Innocent NYARUHIRIRA, umunyamabanga wa Leta ushinzwe kurwanya SIDA n'ibindi byorezo muri Minisiteri y'Ubuzima, yagize ati "Twe mu Rwanda twemera cyane ko dushyize hamwe twakubaka isi itarangwamo indwara zishamikiye ku bukene, murizo harimo agakoko gatera SIDA, Malariya n'Igituntu cyane cyane mu bana bakivuka n'urubyiruko. Ntakundi byagenda rero uretse kubahiriza amasezerano twihaye kandi bigatangirwa ubu. Ibi byagerwaho mu bufatanye nk'ubu turimo hano i Kigali."

Ubufatanye bukomeye hagati ya leta zombi, iy'u Rwanda n'iy'Amerika, ni ingirakamaro mu kugirango PEPFAR izagere ku nshingano zayo.

Mu kwemera ko icyorezo cya SIDA ari kimwe mubihangayikishije isi muri ikigihe, Perezida George W. Bush yatangaje gahunda ya PEPFAR mu mwaka w'i 2003 –ikaba ariyo ngamba ikomeye mpuzamahanga mubirebana n'ubuzima ifashwe n'igihugu kimwe mu mateka mu rwego rwo kurwanya indwara imwe. U Rwanda ni kimwe mu bihugu 15 byatoranijwe, maze inkunga ya PEPFAR mu Rwanda mu mwaka w'i 2007 ikaba irenga miliyoni ijana n'eshatu z'amadorari y'Amerika ($103,000,000).

Umuryango witwa Golden Cup wateje imbere ibiciro by'ikawa nziza y'u Rwanda

Abasogongezi mpuzamahanga ba kawa mu gihe cy'irushanwa rya Golden Cup

Igihembo cy'agahebuzo ku ikawa nziza y'u Rwanda – The Golden Cup (Igikombe cya Zahabu) – cyatanzwe mu mpera za Kamena 2007, amakawa yatsinze yari yashyizwe mu irushanwa kubaguzi mpuzamahanga ku giciro cyo hejuru. Igihembo cya mbere cyegukanywe n'uruganda rutonora rukanasukura kawa rwa SDL Muyongwe mu karere ka Gakenke, iyo kawa yagurishijwe ku giciro kirenze amadorari y'abanyamerika mirongo itanu n'atanu (S$55) ku kilo kuri sosiyete yo muri Amerika yitwa American Companies Intellintsia Coffee and Stumptown Coffee.

Ku nkunga ya USAID, irushanwa ryari rigamije guteza imbere imibereho myiza y'abahinzi ba kawa, kuzahura ubukungu no kumenyakanisha mu ruhando mpuzamahanga uko igihingwa cya kawa nziza y'u Rwanda gihagaze.

Ipiganwa ry'igikombe cya zahabu ryakoranywe ubuhanga n'ubushishozi. Amakawa 138 yaturutse mu mpande zose z'igihugu niyo yari yaje mu irushanwa ryamaze ukwezi kwose. Ayo makawa yasuzumye n'inzobere mpuzamahanga mubijyanye n'ubwiza n'uburyohe bwa kawa. Amakawa ya mbere 20 gusa yabonye amanota menshi niyo yabonye igihembo anagurishwa ku baguzi mpuzamahanga.

Abatanze amanota bari baturutse mu Burayi, Ubuyapani, no muri Leta zunze ubumwe za Amerika. Kugenzura uko iryo rushanwa rigenda byari bishinzwe Ernst &Young kugirango hizerwe ko hatabaho kubogama kandi ko byose byakozwe mu mucyo.

Abasogongezi ba kawa babigize umwuga

Bwana Maxime Christen w'isosite yo mu Busuwisi yitwa Schluter Trading Company akaba n'umwe mubatanze amanota bo mu rwego mpuzamahanga yagize ati. "Ku myaka 150 iyi sosiyete imaze muri aka kazi, ntaho twigeze tubona igiciro kiri hejuru y'amadorali makumyabiri n'atanu ku ipawundi cyangwa amadorali US$55 ku kiro ku ikawa yo muri Afurika". Ikawa y'umwihariko w'u Rwanda igurishwa hafi amadorari atatu n'igice ku kilo (kg) ku isoko mpuzamahanga. "Iyi ni intambwe ikomeye kandi biragaragara ko hari n'abashaka kwishyura igiciro cyo hejuru ku ikawa nziza. Abahinzi batangiye kwibonera ibihembo bishimishije bikomoka mu gukoresha ingufu n'umwete mu kazi kabo."

Umuyobozi ushinzwe guteza imbere umuco wo guhinga kawa muri America, Bwana Peter Giuliano, yongeyeho ko yashimishijwe no kugira uruhare muri icyo gikorwa cyashyize u Rwanda muri bimwe mu bihugu byeza ikawa nziza ku isi."

Golden Cup yatumye ikawa y'u Rwanda itera indi ntambwe imbere. Mu w'i 2000 u Rwanda nta kawa y'agaciro rwagurishaga mu mahanga; mu w'i 2006, hasaruwe toni 3000 z'ikawa nziza bityo u Rwanda rwinjiza akayabo ka miliyoni umunani n'ibihumbi magana atanu z'amadorari y'Amerika ($8,500,000) ziturutse kuri iki gihingwa muri uwo mwaka.

Isosiyete yitwa.Green Mountain Coffee yashimagije ikawa y'u Rwanda ivuga ko ariyo yabaye agahebuzo (best of best) naho Starbucks yo ivuga ko ari ntagereranwa "Black Apron Exclusive".

Mbere ya 2006, USAID yari yaratanze miliyoni icumi (10) z'amadorali y'Amerika murwego rwo guteza imbere ubuhinzi n'ubucuruzi bw'igihingwa cya kawa mu gihe cy'imyaka itandatu. Mu kwezi k'Ugushyingo 2006 USAID yashimangiye ko ishyigikiye ko igihingwa cya kawa ari ingirakamaro maze itangiza undi mushinga witwa (SPREAD) ugamije ubufatanye na ba rwiyemeza- mirimo bo mu cyaro muguteza imbere igihingwa cya kawa. Uyu mushinga w'imyaka itanu uzatwara miliyoni esheshatu z'amadorali y'Amerika ufite inshingano yo guhuza imikorere isukuye mu byerekeye ikawa "kuva ikawa ikiri imbuto kugeza inyobwa."

Avuga ku bijyanye na Golden Cup, uwayoboraga by'agateganyo USAID Rwanda Bwana Ryan Washburn, mu kwezi kwa Kanama 2007 nawe yemeje ko icyo gikorwa cyagaragaje ubwiza budasanzwe bw'ikawa y'u Rwanda buyishyira ku ikarita y'isi. Golden Cup ishimangiye intego yo guteza imbere imibereho y'abahinzi ba kawa mu Rwanda, n'iterambere ry'ubukungu burambye.

Igikorwa cya Golden Cup cyateguwe ku bufatanye bwa USAID/SPREAD, OCIR ishami rya kawa na Rwanda's Coffee Development Authority, giterwa inkunga na Alliance for Coffee Excellence, Kaminuza y'u Rwanda, RWASCHOSCCO, RFCA, HORIZON, MISOZI

USAID itera inkunga serivisi z'ubuvuzi zifite intego zihanitse

Muri Kamena 2007, gahunda ya PEPFAR, ibinyujije muri USAID yahaye imiryango nyamerika itatu ariyo Family Health International, IntraHealth, na Elizabeth Glaser Pediatric AIDS Foundation miliyoni mirongo cyenda (90) z'amadolari y'Amerika kugira ngo mu gihe cy'imyaka itanu izateze imbere kwita no kuvura ababana n'ubwandu bwa SIDA mu RWANDA. Gahunda y'ubuvuzi yateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y'Ubuzima izongera serivisi zishinzwe kwita ku cyorezo cya SIDA mu Rwanda inongerere ubushobozi serivisi zishinwe iby'ubuzima mu gihugu.

Avuga kuri iyi gahunda, umuyobozi w'agateganyo wa USAID/Rwanda Bwana George E. Lewis, yashimangiye ko: "ari ngombwa ko inzobere mu by'ubuvuzi zigira ubumenyi bwa ngombwa kugira ngo zishobore kwita neza ku barwayi. Abakozi bahuguwe neza hamwe n'inzego z'ubuzima zihamye ni ngombwa mukubonera igisubizo kiboneye icyorezo cya SIDA."

USAID
FROM THE AMERICAN PEOPLE

USAID/Rwanda ikorana na Leta y'u Rwanda mu guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza y'abanyarwanda, mu iterambere mu rwego rw'ukungu na politiki. Gahunda zo mu rwego rw'ubuzima, ubukungu, demokarasi n'imiyoborere myiza zishoboka kubera inkunga y'abaturage ba Amerika.

USAID itera inkunga gahunda z'ibigo by'ubuzima binyuze muri gahunda yo guhemba hakurikijwe imikorere myiza

Hanze y'ikigo nderabuzima cya Rwesero Akarere ka Gicumbi

Minisiteri y'ubuzima y'u Rwanda na gahunda ya Perezida w'Amerika yo guhangana n'icyoreza cya SIDA (PEPFAR) binyujijwe muri USAID bakoreye hamwe mugutangiza gahunda yo gutera inkunga ibijyanye no kwirinda, kwita no kuvura SIDA n'izindi serivisi y'ubuzima zishamikiyeho hakurukijwe amanota meza mu mikorere. Inkunga hakuriikijwe amanota meza mu mikorere ituma haboneka agahimbazamusyi ku bigo by'ubuzima bigatuma hatangwa serivisi z'ubuvuzi nyinshi kandi nziza.

Inkunga itangwa mu bigo by'ubuzima yerekeye ibikoresho, imiti ndetse n'amahugurwa akenewe mu rwego rwo kwita no kuvura abarwayi ba SIDA n'izindi ndwara. Gahunda y'inkunga hakurikijwe amanota mumikorere, ihemba gusa umusaruro. Niba ikigo cy'ubuzima kivura abarwayi benshi, kigatanga serivisi nziza, ubwo nacyo kizahabwa amafaranga menshi.

Mu Rwanda, gahunda y'inkunga hakurikijwe amanota mu mikorere ubu ikorera mu bigo nderabuzima 23 mu turere 30 tugize igihugu. Ibinyujije mu muryango witwa Management Scences for Health (MSH), umwe mu miryango ishyira mu bikorwa gahunda za USAID, Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda ndende yo gukurikirana no kugenzura umubare w'abantu bahabwa serivisi z'ubuvuzi n'ubwiza bwizo serivisi. Buri kigo cy'ubuzima gishinzwe gukurikirana no kugenzura umubare wa servisi gitanga, ariko imikorere myiza y'icyo kigo yemezwa n'igenzura rikorwa n'inzobere mu by'ubuzima baturuka mu karere k'ubuzima ikigo kirimo bafatanyije n'impuguke za Minisiteri y'Ubuzima, abaterankunga hamwe n'abashinzwe gushyira gahunda mu bikorwa.

Leta y'u Rwanda yishyura serivisi z'ibijyanye n'ubuvuzi bw'ibanze. PEPFAR, ibinyujije mu bashyira iyi gahunda mukorwa, ikishyura amafaranga serivisi zibyerekeye icyorezo cya SIDA zirimo ubujyanama no kwipimisha ku bushake, kurinda umugore utwite kwanduza uwo atwite, no guha imiti irwanya igabanya ubukana bwa SIDA abageze mu gihe cyo kuyifata.

Ibigo cyangwa imishinga iri muri iyi gahunda yo guhemba hakurikijwe amanota mu mikorere myiza ya buri mushinga bifite uburenganzira bwo gukoresha amafaranga y'inyongera mu gukemura ibibazo byose byagaragajwe n'abacunga iyo imishinga. Akenshi ibyo bibazo bigizwe n'agahimbazamusyi k'abakozi ndetse n'amafranga akoreshwa mu kazi.

Gahunda yo guhemba hakurikijwe amanota mu mikorere myiza ntiyahaye gusa imishinga irebana n'iby'ubuzima uburyo bwo kubona umusururo utuma abakozi babona agahimbazamushyi no gutunganya neza ibikorwa remezo, ahubwo yanatumye abaturage babona uburyo butavunanye serivisi z'ubuzima. Mu gihe gito iyo gahunda imaze, ibigo cg imishinga byayitabiriye bifite umusaruro ugaragara.

Mu gihe cy'amezi cumi n'abiri uhereye mu Kwakira k'umwaka w'i 2006, umubare w'abantu bagiriwe inama bakanitabira gahunda yo kwipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA umaze kwiyongeraho 246 ku ijana mu bigo by'ubuzima by'Akarere ka Gicumbi aho uwo mubare wavuye ku bantu 417 ukagera ku 1443 mu kwezi.

Urugero, abakozi bo mu kigo cy'ubuzima cya Rwesero mu Karere ka Gicumbi bamenye akamaro k'iyo gahunda maze bituma bihutira kuyimenyekanisha ku bantu benshi (umubare w'abipimisha ku bushake agakoko gatera SIDA wiyongereyeho 294 ku ijana mu gihe kitarenze umwaka!).

Sr. MUKANDUTIYE Veneranda uyobora ikigo nderabuzima cya Rwesero yagize ati "Mbere y'uko gahunda yo gutera inkunga hakurikijwe amanota mu mikorere myiza itangira, ikigo nderabuzima cya Rwesero cyari kimeze neza kandi gikora. Ariko inkunga yiyongera n'agahimbazamusyi k'abakozi byatumye abakozi barushaho kugira umurava bityo serivisi nziza batanga zituma abarwayi benshi batugana. Ubu twanatangiye ibikorwa ku rwego rw'umuryango mugari dukoresheje abakangura-mbaga b'ubuzima n'ubuyobozi bw'ibanze mu kwigisha abaturage akamaro ko kwipimisha ku bushake n'ubujyanama".

Ikigo nderabuzima cya Rwesero ubu gifite ubushobozi bwo gutanga co-trimoxale (bactrim) umuti w'ibanze urwanya ibyuririzi ku bafite ubwandu bwa SIDA. Mbere y'uko gahunda yo gutera inkunga hakurikijwe amanota mumikorere myiza itangira, ikigo cy'ubuzima cyacu cyari gifite ingorane mu gukirikiza aya mabwiriza y'igihugu. Ariko, kuva aho gahunda yo gutera inkunga hakurikijwe amanota mu mikorere myiza itangiye kwishyurira iyi miti, abafata bactrim mu kigo cya Rwesero bariyongereye kuva kuri 0 – 66 buri kwezi.

Habonetse uburyo buboneye bwo gushyira imbaraga zose hamwe, gahunda yo gutera inkunga hakurikijwe amanota mu mikorere myiza yagaragaje ko igabanya igiciro cy'ikiguzi cya serivisi z'ubuzima cyatangwaga n'abaterenkunga no kuri kuri Leta. Bityo, iyo nkunga ya USAID ikagera kure kandi igafasha benshi.

Guverinoma ya Leta zunze ubumwe za Amerika itanga n'ubundi bwoko bw'inkunga zifasha inzego za Leta, iz'uturere zikanafasha abakozi b'inzobere mu by'ubuzima. Gahunda y'ubuzima no kwegereza abatugage ubuyobozi ya TWUBAKANE, ifashwa na USAID, iha District Incentives Funds uburyo bwo gushobora gucunga neza no guteganya ubushobozi bw'uturere. PEPFAR ifasha mu guhemba abakangurambaga b'u buzima barenga ibihumbi icyenda (9000) mu Rwanda hose.

DUFATANYE

AMAKURU AGEZWEHO MURI USAID/RWANDA

USAID/Rwanda
Umuhanda wa Paul VI, Kigali
http://rwanda.usaid.gov

***Dufatanye* yandikwa n'umukozi ushinzwe itumanaho. Ikwirakwizwa ryayo riremewe kandi rirashyigikiwe. Uwaba yifuza kongerwa ku rutonde rw'abayihabwa yakohereza izina, ifatabuguzi na email address kuri**

Triphine MUNGANYINKA <tmunganyinka@usaid.gov>